

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu  
“Umuhamgo wo gutangiza ukwezi kwahariwe umugore  
n’umukobwa”**

**Gisagara, 1 Werurwe 2014**

Ba Nyakubahwa ba Ministres,  
Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,  
Ba Nyakubahwa Ntumwa za rubanda,  
ONE UN Family,  
Nyakubahwa Mayor w'Akarere ka Gisagara n'Abandi bayobozi b'Uturere  
muri hano;  
Madame Muyobozi wungirije w'Inama y'Ighugu y'Abagore;  
Bavandimwe b'Intara y'Amajyepfo mwatwakiriye;  
Babyeyi, Barezi, Bana bacu;

Muraho neza,

Nagirango mbanze nshimire abakobwa batweretse ko bamaze gukataza mu kwiga ubumenyi ngiro muri iki kigo cya St Kizito.

Nishimiye kuba ndi kumwe namwe aho dutangiza ukwezi kwahariwe umugore n'umukobwa. Uku kwezi kuzarangwa n'ibikorwa bitandukanye biteza imbere umuryango byose bijyanye no kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'umugore, wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 8 Werurwe.

Uyu munsi rero ukaba wabimburiwe no guteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa, duhemba abana b'abakobwa batsinze neza twita "**Inkubito z'Icyezza**". Nkaba mboneyeho kubashimira ko bitwaye neza mu bizamini bya Leta by'umwaka ushize.

Nagirango mbanze mbasabe dufatanye gushimira abafatanyabikorwa, biyemeje gutanga umusanzu muri uku kwezi kwahariwe umugore n'umukobwa, ndetse n'abantu bakomeje gufatanya natwe gushyira mu bikorwa politiki yo guteza imbere uburezi bw'umukobwa, cyane cyane **One UN Family, RDB, REB** na WDA.

Insanganyamatsiko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore uyu mwaka iragira iti "**Twubakire ku byo twagezeho, dukomeze imihigo**". Tukaba tuyihuza no kuzirikana imyaka 20 twibuka genoside yakorewe abatutsi, imyaka 20 igihugu cyacu kimaze kibohoye. Abanyarwanda twese rero dusigasire ibyagezweho, nta kwirara kandi tutajenjetse, duharanira kubyagura.

Turashimira ubuyobozi bw'igihugu cyacu, kuba bwubahiriza ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'umugore n'umugabo, bigamije guhesha ishema umuryango, ndetse n'igihugu cyose muri rusange. Aha tukaba dushimira na none, abagore n'abakobwa uruhare bakomeje kugaragaza mu iterambere ry'Igihugu, haba mu bukungu, muri politike, mu burezi n'ahandi. Turabasaba ko bakomeza kuba umusemburo w'iterambere, bakorera hamwe, barushaho gukora imishinga minini, bagamije kwihangira imirimo no gutanga akazi ku bandi. Dukomeze guha agaciro imigani yacu igira iti : **ukurusha umugore aba akurusha urugo cyangwa se ukurusha urugo aba akurusha umugore**. Ndetse twanavuga ko "**Ukurusha umugore akurusha Igihugu**".

Babyeyi muri hano ntitwakomeza kuvuga gahunda zo kwiteza imbere, tutavuze gukomeza kwimakaza ubunyarwanda ndetse no kubutoza abana bacu kugira ngo bazakurane indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Ubunyarwanda nyabwo nibwo nkingi ya byose, tubushyire imbere, tubusigasire, tubugire intero n'inyikirizo, tubutoze abakiri bato.

Umwaka ushize twatangije gahunda y'umugoroba w'ababyeyi, twizere ko wakomeje kwitabirwa, kandi ufatirwamo ingamba zo gukemura ibibazo, byaba ibiri mu miryangi ndetse no kwiteza imbere. Turasaba abayobozi bo ku nzengo z'ibanze gukomeza guha ingufu umugoroba w'Ababyeyi no gukurikirana imikorere yawo. Twizere kandi ko atari umugoroba wahariwe abagore gusa, n'abagabo bawitabira.

**Inkubito z'icyeza bakobwa bacu**, uyu mwaka muhawe ibihembo by'uko mwatsinze neza, kirazira kuzasubira inyuma! Iki gihembo muhawe kibatere ishyaka ryo kuzahora iteka ku isonga.

Mu Rwanda hari gahunda nyinshi zo guteza imbere imyigire y'umwana w'umukobwa, hari ukumutoza kwigirira icyizere, kumukurikirana muri za gahunda za mentorship, byose bigamije kumwubakira ubushoboz; si uko twirengangije ko hari basaza banyu nabo batabikeneye, ahubwo ni uko tuzi ko hari abakizitiwe n'ibisigisigi by'umuco. Muri izi gahunda zo kubitaho kandi, tuba tugamije kubakangurira kumenya imiterere y'umubiri wabo, tubibutsa ko iyo bateshutse gato, ubuzima bwabo buba ubusa.

Ejo bundi twari Nyagatare, aho twasuye Ikigo "Isange One Stop Centre", cyakira kandi kigafasha abahohotewe. Twasanze cyane cyane abana b'abakobwa bafite imbogamizi zikomeye, kubera iohoterwa ribakorerwa. Niyo mpamvu twongeye gusaba abantu bose: ababyeyi, abarezi, abayobozi kutajenjeka kuri icyi kibazo. Twebwe abantu bakuru, dufashe abana bacu, dukumira, tubarinda kandi ariko tunabakangurire no kubivuga ntibahishire ababibakoreye kugirango bahanwe. Nta muntu numwe usumbye itegeko,

yaba umuyobozi ku rwego urwo ari rwo rwose, utakurikiranwa kuri iki cyaha. Twongeye kandi gukangurira abantu bose "**kwita ku bana bose nk'ababo**".

Bana b'abakobwa rero, nubwo mudufite nk'ababyeyi, nagirango mbasabe namwe mugire ubushake bwo kwifasha, kwitekerezaho, mumenye icyo mushaka, icyo mukunze n'icyo mushoboye. Mwe mukiri mu mashuri, ntimugategereze gusa ibyo mwalimu ari bubahe ahubwo mugire amatsiko, mwiyigishe, mushakashake, kuko umuntu akensi ni nawe uba uzi icyo akeneye, icyo ashoboye cyangwa afitemo intege nke. Namwe mwiyumvemo ko ari inshingano zanyu zo kwiyongerera ubumenyi ndetse n'ubushobozni nk'umuntu ku giti cye (individual responsibilities).

Bana b'abakobwa, twongeye kubibutsa kutemera kurangazwa n'utuntu duto, nko gukabya kwiyitaho, kugira irari, n'ibindi. Nimwubahe umubiri wanyu, muwuhe agaciro, muwufate neza kandi muwuzuze ubwenge maze muzasarure imbuto nziza kandi zereye igihe.

Muri iyi gahunda ngarukamwaka, uyu mwaka twateganije kongera ingufu mu gukangurira abakobwa kwiga amashuri y'ubumenyi ngiro. Tuzi ko Leta nayo yabishyizemo ingufu nyinshi ngo ayo mashuri abe menshi kandi agere kuri bose.

Iyo tureba imibare itangazwa n'ikigo k'igihugu gishinzwe umurimo (WDA) ari nacyo gishinzwe ayo mashuri y'ubumenyi ngiro, dusanga umubare w'abakobwa nubwo ugenda uzamuka, ariko imitsindire ikiri hasi cyane aho usanga nka section za **Electronics and Telecommunication, General Mechanics, Motor Vehicle Mechanics**, nta mukobwa numwe uza mu 10 ba mbere. Iyo turebye na none amashami n'ubundi **bitiriraga**

ay'abakobwa nk'ubunyamabanga (secretariat) n'ubudozi usanga abakobwa batsinda ari bo benshi.

Aha nkaba nsaba abakobwa, kugana no gutsinda neza ayo mashami atinyitse mu bumenyi ngiro, kuko biteza imbere igihugu, ababyize bakihangira imirimo, ndetse byanarinda igihugu kuba isoko ry'amahanga kuko abanyarwanda nibatabyiga abandi bazaza babikore.

Abakobwa bo mu yandi mashami nabo, ndetse no mu bindi byiciro, mufate ingamba twababwiye maze muzamure imitsindire yanyu, ku buryo haboneka imibare myinshi y'abatsindira mu rwego rwa mbere (*1<sup>st</sup> Division*) mu byiciro byose, aho kugira ngo abenshi bagaragare mu rwego rwa gatatu n'urwa kane.

Babyeyi namwe barezi, mufashe abana banyu kugera ku cyerecyezo kiza, mubafashe guhindura imyumvire no kumva ko babishoboye.

Mu gusoza nagira ngo nongere nshimire inzego zose n'abitabiriye uyu muhango. Twongere gushimira by'umwihariko "**Inkubito z'icyeza**", dukomeza kubasaba guhora ku isonga kuko ubu ni urumuri rw'abandi.

Nkaba mboneyeho gutangiza ku mugaragaro Ukwezi kwahariwe Umugore n'Umukobwa, mbifuriza kuzagira umunsi mwiza mpuzamahanga wahariwe umugore.

Murakoze mugire umunsi mwiza.